NYUMA Y'IBIZA ABAYOBOZI BA ZA SEMINARI NTO ZOSE ZA KILIZIYA GATOLIKA MU RWANDA BAJE GUSURA SEMINARI NTO YA NYUNDO

Tariki ya 02 Kanama 2018 abayobozi ba za Seminari nto zose za Kiliziya Gatolika mu Rwanda baje gusura Seminari nto ya Nyundo baherekejwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Philippe RUKAMBA,Umwepiskopi wa Diyosezi ya Butare akaba n'Umuyobozi w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda, akaba kandi ashinzwe n'amaseminari; bari kumwe kandi n'abaseminari bato bahagarariye abandi. Ibi bibaye nyuma y'uko Seminari nto ya Nyundo yahuye n'ibiza: umugezi wa Sebeya waruzuye amazi n'ibyondo byinshi byuzura mu Seminari; ibitabo, amakayi, stock z'ibiryo…by'abaseminari bikangirika mbese bikayishegesha. Muri uru ruzinduko rwabo bakiriwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo. Nyuyma yo kubakira no kuba ikaze batambagijwe Seminari yose bareba ibyangiritse.

Mu kubakira kandi bakiriwe n'umuziki wa Fanfare ya Seminari nto ya Nyundo

Nyuma yo kubakira bahitiye ku kibuga cya Volley aho abaseminari baje bahagarariye abandi bakoze ikipe ya Volley bakina n'ikipe ya Volley ya Seminari nto ya Nyundo. Uyu mukino kandi niwo watangije ibiganiri byaranze uyu munsi.

Mu Ijambo rye Nyiricyubahiro Musenyeri Philippe RUKAMBA, yatangiye ashima ubutwari abaseminari bo ku Nyundo bagize mu gihe bari bahuye n'ibiza ; ko batacitse intege cyangwa ngo babure icyizere cyo gukomeza amasomo. Ati ibyo birerekana uko mwitegura kuba abagabo koko bazakorera imiryango yanyu, bazakorera Kiliziya n'Igihugu cyacu. Yakomeje avuga kandi ko mu byo Kiliziya itoza mu burere itanga muri za Seminari harimo no kumenya kubaka ubuvandimwe nyabwo , butabarana ,bufashanya mubihe bikomeye ndetse no mu bihe byiza. Yakomerejeho ashimira abaseminari bari muri za Seminari zitandukanye bitanze bagatekereza kuri bagenzi babo bahuye n'ibiza bakaba barakusanyije inkunga yo kubafasha gukomeza kwiga neza n'ubwo bahuye n'ibiza. Yashoje ijambo rye ashimira Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, wakomeje kuba hafi yabo muri ibyo bihe bikomeye, akomeza anamushyikiriza inkunga yakusanyijwe n'amaseminari mato yose bageneye Seminari nto ya Nyundo.

Mu Ijambo rye Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, yatangiye abwira abri ahou ko byari byifashe muri icyo gihe, anababwira n'ingano y'ibyangiritse mu Seminari ababwira n'abaturage basenyewe n'umugezi wa Sebeya. Yakomeje ashimira abakomeje gutera inkunga Seminari kugira ngo ikomeze imirimo yayo, ashimira abayobozi b'amaseminari uko bumvise ibyabaye n'uko baje kudutera inkunga no kudukomeza. Yashimye umutima mwiza abaseminari bagize wo gufasha bagenzi babo bahuye n'ibiza ; ibyo ko byerekana Kiliziya imwe ikora kandi yigisha umuco w'ubuvandimwe. Yashoje Ijambo rye ashimira Nyiricyubahiro Msenyeri Philippe RUKAMBA, ahima n'inkunga bahawe, kandi ababwira ko mu gihe n'abo bazabiyambaza mu bihe byiza cyangwa bikomeye bazabafasha nabo uko bishoboka.

Umunsi washojwe haririmbwa indirimbo ya Seminari n'umugisha ; hakurikiraho kwakira abashyitsi.

Padiri Jean Marie KWIZERA